**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW' IKIRENGA**

**B.P .2197 KIGALI**

**ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa 2023, Umunsi wa 14, ukwezi kwa MATA, Twebwe MUKANTABANA Jeanne d'Arc, Umucamanza mu rukiko rw'ibanze rwa Gasabo, dufashijwe na HABANABASHAKA Theogene , umwanditsi muri urwo rukiko,

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego rw'Ibanze rwa Gasabo, bwaregeye uru rukiko, uwitwa NSHUMBUSHO Rodrigue akurikiranyweho ubufatanyacyaha ku cyaha cy'ubuhemu ndetse n'icyaha cyo kwangiza cyangwa konona ikintu , mu urubanza N0 RP 00449/2022/TB/GSBO

Tumanze kubona ko SHUMBUSHO Rodrigue mwene MUNYAKAYANZA na MUKARUGWIZA Beatrice utuye mu mudugudu wa isangano akagari ka Kabuga I, umurenge wa Rusororo , akarere ka Gasabo , Umujyi Wa Kigali City, , tel +250780977300 , umunyarwanda, ubu akaba akurikiranywe n'ubushinjacyaha nk' uwihishe ubutabera.

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 y'itegeko N0 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha,

Ingingo ya 161 y'itegeko N0 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ivuga ko mu gihe cy'iminsi umunani (8) icyemezo kivugwa mu ngingo ya 160 y'iri tegeko kimanikwa ahabigenewe ku rukiko rwagifashe kandi kigatangazwa mu gitangazamakuru cyemejwe n'urukiko.

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo, ku cyicaro cy'Urukiko rw' Ibanze rwa Gasabo , ku biro by'inkiko zisumbuye zose, mu gihe kingana n'iminsi umunani

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru cya Leta

Dutegetse ko SHUMBUSHO Rodrigue agomba kwitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ku wa 30/05/2023, saa tatu 09H00 za mugitondo aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha , atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa kuva umunsi cyafashweho

NUKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE BITYO KU MUNSI UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU

| | |
|---|---|
| UMUCAMANZA | UMWANDITSI |
| MUKANTABANA Jeanne d'Arc | HABANABASHAKA Theogene |

URUKIKO RW' IBANZE RWA GASABO